REPUBLIC OF RWANDA

RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA)
AVENUE DE LA PAIX, KIGALI-RWANDA
P. O .Box: 4276, Tel.: (+250) 0252501403, 0252501404, 0252501405,
Fax: (250) 252501402
E-mail: rppa@rwanda1.com

Kigali, ku wa 05 OCT 2010

N° 010/2010 -1923/RPPA

MADAMU/BWANA UMUGENGA W'INGENGO Y'IMARI MURI
.....(BOSE)

Impamvu: Ibigomba kwitabwaho mu korohereza ba rwiyemezamirimo kubyerekeye ingwate y'ipiganwa, uburambe n'ingwate yo kurangiza imirimo

Madamu, Bwana Umugenga w'imali,

Nshingiye ku nyandiko, iri ku mugereka, yashyizweho umukono na ba Nyakubahwa Minisitiri w'Imali n'Igenamigambi na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo ku wa 13/09/2010 isaba inzego za Leta kugerageza korohereza ba rwiyemezamirimo bapiganira amasoko ya Leta, Ikigo k'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta (RPPA) kirifuza kubasaba kwita kuri ibi bikurikira mugihe cyo gutegura inyandiko zikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa, mugihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa no mugihe cyo gusinya amasezerano:

1. Kudasaba, burigihe ba rwiyemezamirimo kuba barakoze imirimo isa cyangwa ingana n'iyo bashaka gupiganira ku masoko afite agaciro gakurikira, ariko ibindi byose bisabwa ku bapiganwa bose byo bakabisabwa:

   - Ku masoko y'imirimo y'ubwubatsi atarengeje miliyoni mirongo itanu (50 000 000FRW);
   - Ku masoko ya servisi z'impuguke atarengeje agaciro k'amafaranga miliyoni icumi (10 000 000FRW);
   - Ku masoko y'ibigemurwa atarengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5 000 000frw);

2. Ingwate yo gupiganira isoko (bid security) ikaba 2% ku masoko ari hasi ya milioni ijana (100 000 000Frw), hagati ya 1,5-2% ku masoko afite agaciro kari hagati ya

miliyoni ijana kugera kuri milioni magana atanu , 1-1,5% ku masoko arengeje agaciro ka milioni magana atanu kugera kuri miliari imwe naho hejuru ya miliari imwe ingwate yakwa ikaba hagati ya 0,1-1%;

3. ingwate yo kurangiza imirimo ntikwiye kuba buri gihe 10% kuko itegeko riteganya hagati ya 5 n'i 10%. Yagira agaciro cy'i 10% bitewe n'uburemere bw'impungenge;

4. ku mirimo isanzwe idakorwa naba rwiyemezamirimo bo mu Rwanda, inzego za Leta zikwiye guha amahirwe abo ba rwiyemezamirimo yo gupiganira amasoko mato nk'umuhanda wa kaburimbo wa 10km. Ku mazu maremare, bakwiye kwemererwa kubaka ari hejuru gato yayo basanzwe ba rubatse.

Mugire amahoro.

SEMINEGA Augustus
Umuyobozi wa RPPA

Bimenyeshejwe

- Bwana Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
- Bwana Minisitiri w'Ibikorwa remezo
- Ishyirahamwe rya ba rwiyemezamirimo b'abubatsi
- Ishyirahamwe rya ba rwiyemezamirimo ba "architects"